رئاسة الشؤون الدينية
بالمسجد الحرام والمسجد النبوي

دَفْنُ المَوتَى فِي المَسَاجِدِ

Ikinyarwanda

كينيارواندي

GUSHYINGURA ABAPFUYE MU MISIGITI

Cyanditswe na:
Sheikh Abdul Aziz Ibun Abdallah Ibun Baaz

دَفْنُ المَوتَى فِي المَسَاجِدِ

GUSHYINGURA ABAPFUYE MU MISIGITI

لِسَمَاحَةِ الشَّيْخِ العَلَّامَةِ
عَبْدِ العَزِيزِ بْنِ عَبْدِ اللهِ بْنِ بَازٍ
رَحِمَهُ اللهُ

Cyanditswe na: Sheikh
Abdul Aziz Ibun Abdallah Ibun Baaz

بِسْمِ اللهِ الرَّحمَنِ الرَّحِيمِ

UBUTUMWA BWA CUMI NA RIMWE: GUSHYINGURA ABAPFUYE MU MISIGITI

Ku izina rya Allah, ikuzo n'ishimwe ni ibya Allah, amahoro n'imigisha bisakare ku Ntumwa y'Imana, n'abiwe n'abayobotse umuyoboro we. Nyuma y'ibyo:

Nasomye ikinyamakuru «Al Khartoum» cyasohotse ku itariki ya 17/ 4 / 1415 H; nsangamo hasohowemo itangazo ryo gushyingura Bwana Muhammad Al-Hassan Al-Idrisi iruhande rwa se mu musigiti wabo uherereye mu mujyi wa Umm Durman... n'ibindi.

Kandi kubera ko Imana yategetse kugira inama abayisilamu, no kugaragaza ikibi no kucyamagana; nasanze ari ngombwa kwibutsa ko gushyingura mu misigiti ari igikorwa kitemewe, ahubwo ko ari bumwe mu buryo buganisha mu ibangikanyamana, ndetse kikaba kimwe mu bikorwa by'abayahudi n'abanaswara Imana yabanenzeho, Intumwa yayo (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ikanabavuma, nk'uko biri mu bitabo bibiri by'impamo (A-Swahihay'ni) muri Hadith yaturutse kwa Aishat (Imana imwishimire) nawe abikuye ku Ntumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti:

«لَعَنَ اللَّهُ الْيَهُودَ وَالنَّصَارَى، اتَّخَذُوا قُبُورَ أَنْبِيَائِهِمْ مَسَاجِدَ».

«Allah yavumye abayahudi n'abanaswara, bafashe imva zishyinguyemo Intumwa zabo bazigira imisigiti (aho gusengera)» No mu gitabo cya Muslim (A-Swahih): Hadith yaturutse kwa Djundub Ibun Abdallah yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti:

«أَلَا وَإِنَّ مَنْ كَانَ قَبْلَكُمْ كَانُوا يَتَّخِذُونَ قُبُورَ أَنْبِيَائِهِمْ وَصَالِحِيهِمْ مَسَاجِدَ، أَلَا فَلَا تَتَّخِذُوا الْقُبُورَ مَسَاجِدَ؛ فَإِنِّي أَنْهَاكُمْ عَنْ ذَلِكَ».

"Mumenye ko ababayeho mbere yanyu bafataga imva z'ababahanuzi babo n'iz'intungane zabo bakazigira aho gukorera amasengesho, nuko rero imva ntimuzazigire aho gukorera amasengesho; kandi ibyo ndabibabujije." Na Hadith zivuga kuri ibi ni nyinshi.

Bityo itegeko ku bayisilamu aho bari hose — yaba guverinoma n'abaturage —: Ni ugutinya Allah, no kwirinda ibyo yabujije, no gushyingura abapfuye babo hanze y'imisigiti, nk'uko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) n'abasangirangendo bayo (Imana ibashimire) bashyinguraga abapfuye hanze y'imisigiti, kandi akaba ari nako ababakurikiye mu gukora ibyiza babigenzaga.

Naho kuba imva y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) n'iz'abasangirangendo

b'Intumwa babiri aribo Abu Bak'ri na Umar (Imana ibishimire) ziri mu musigiti wayo (Imana iyihe amahoro n'imigisha); ibyo ntibyaba urwitwazo rwo gushyingura abapfuye mu misigiti; kubera ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yashyinguwe mu nzu yayo - mu nzu ya Aishat (Imana imushimire) -, hanyuma abasangirangendo bayo babiri nabo bagashyingurwa hamwe na yo. Maze igihe Al-Walid Ibun Abdul-Malik yaguraga umusigiti, yinjije icyo cyumba muri wo ahagana mu mpera z'ikinyejana cya mbere Intumwa y'Imana yimukiye i madinat, kandi abamenyi bari bamunenze kuri ibyo, ariko we yabonaga ko ibyo bitamubuza kuwagura, kandi ko nta kibazo kibirimo.

Bityo rero, birasobanutse ku muyisilamu wese ko: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) n'abasangirangendo bayo babiri (Imana ibishimire) batashyinguwe mu musigiti, kandi ko kuba barinjijwe muri wo bitewe no kuwagura atari gihamya yemerera gushyingura mu misigiti; kubera ko batari mu musigiti, ahubwo bari mu nzu y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha), kandi ko igikorwa cya Al-Walid kidakwiye kuba gihamya y'ibyo ku muntu uwo ari we wese, ahubwo gihamya nyayo iba mu Gitabo (Qur'an), mu migenzo y'Intumwa y'Imana (Sunnat), no mu bwumvikane bw'abatubanjirije mu gukora

ibyiza b'uyu muryango (Imana ibishimire), Imana ikanatugira mu babakurikira neza.

Mu rwego rwo gutanga inama no gusohoza inshingano, cyanditswe ku wa: 14/5/1415 Hijiriyat.

Allah niwe Mushoboza. Amahoro n'imigisha bibe ku Ntumwa yacu Muhamadi n'ab'iwe n'abasangirangendo be, n'ababakurikiye mu gukora ibikorwa byiza.

❋❋❋

rw397v5.0 - 25/10/2026

حرمين

رئاسة الشؤون الدينية
بالمسجد الحرام والمسجد النبوي

رسالة الحرمين

Message of The Two Holy Mosques

Guidance content for the visitors of the Holy Mosque and the Prophet's Mosque in languages.